

ITEGEKO N°22/2011 RYO KUWA 28/06/2011 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE ABANA KANDI RIKAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO

LAW N°22/2011 OF 28/06/2011 ESTABLISHING THE NATIONAL COMMISSION FOR CHILDREN AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°22/2011 DU28/06/2011 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE POUR LES ENFANTS ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE:
INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE:
GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho rya Komisiyo

Article One: Establishment of the Commission

Article premier: Création de la Commission

Ingingo ya 2: icyicaro cya Komisiyo

Article 2: Head Office of the Commission

Article 2: Siège de la Commission

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bwa Komisiyo

Article 3: Autonomy of the Commission

Article 3: Autonomie de la Commission

Ingingo ya 4 : Urwego rureberera Komisiyo

Article 4: Supervising Authority of the Commission

Article 4: Autorité de tutelle de la Commission

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Article 5: Contents of the performance contract

Article 5: Contenu du contrat de performance

Ingingo ya 6 : Inshingano za Minisitiri ufite abana mu nshingano ze

Article 6: Responsibilities of the Minister in charge of children

Article 6: Attributions du Ministre ayant les enfants dans ses attributions

UMUTWE WA II : INSHINGANO N'INZEGO ZA KOMISIYO

CHAPTER II :MISSION AND ORGANS OF THE COMMISSION

CHAPTER II : MISSION ET ORGANES DE LA COMMISSION

<u>Icyiciro cya mbere</u> : Inshingano za Komisiyo	<u>Section One</u> : Mission of the Commission	<u>Section première</u> : Mission de la Commission
<u>Ingingo ya 7</u> : Inshingano za Komisiyo	<u>Article 7</u> : Mission of the Commission	<u>Article 7</u> : Mission de la Commission
<u>Icyiciro cya kabiri</u> : Inzego za Komisiyo	<u>Section 2</u> : Organs of the Commission	<u>Section 2</u> : Organes de la Commission
<u>Ingingo ya 8</u> : Inzego za Komisiyo	<u>Article 8</u> : Organs of the Commission	<u>Article 8</u> : Organes de la Commission
<u>Akiciro ka mbere</u> : Inama y'Abakomiseri	<u>Sub-section One</u> : Board of Commissioners	<u>Sous-section première</u> : Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 9</u> : Ishyirwaho n'ikurwaho ry'Abakomiseri	<u>Article 9</u> : Appointment and removal of Commissioners from office	<u>Article 9</u> : Nomination et révocation des Commissaires
<u>Ingingo ya 10</u> : Manda y'Abakomiseri n'ibyo bagenerwa	<u>Article 10</u> : Term of office of the Commissioners and their benefits	<u>Article 10</u> : Mandat des Commissaires et leurs avantages
<u>Ingingo ya 11</u> : Impamvu zituma uri mu Nama y'Abakomiseri ayivamo	<u>Article 11</u> : Reasons for a member of the Board of Commissioners to leave office	<u>Article 11</u> : Raisons de cessation des fonctions de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 12</u> : Isimburwa ry'Umukomiseri	<u>Article 12</u> : Replacement of a Commissioner	<u>Article 12</u> : Remplacement d'un Commissaire
<u>Akiciro ka 2</u> : Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Sub-section 2</u> : Executive Secretariat	<u>Sous-section 2</u> : Secrétariat Exécutif
<u>Ingingo ya 13</u> : Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 13</u> : Executive Secretariat	<u>Article 13</u> : Secrétariat Exécutif
<u>Akiciro ka 3</u> : Inama Ngishwanama	<u>Sub-section 3</u> : Advisory Council	<u>Sous-section 3</u> : Conseil Consultatif
<u>Ingingo ya 14</u> : Inama Ngishwanama	<u>Article 14</u> : Advisory Council	<u>Article 14</u> : Conseil Consultatif
UMUTWE WA III: INSHINGANO N'IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO N'IMITERERE Y'INZEGO Z'IMIRIMO	CHAPTER III: RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION'S ORGANS AND ITS ORGANIZATIONAL STRUCTURE	CHAPITRE III: ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA COMMISSION ET SON CADRE ORGANIQUE

<u>Icyiciro cya mbere</u> : Inshingano z'inzego za Komisiyo	<u>Section One</u>: Responsibilities of the Commission's organs	<u>Section première</u> : Attributions des organes de la Commission
<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano z' Inama y'Abakomiseri	<u>Article 15</u>: Responsibilities of the Board of Commissioners	<u>Article 15</u>: Attributions du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 16</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri	<u>Article 16</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Commissioners	<u>Article 16</u>: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil des Commissaires
<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 17</u>: Responsibilities of the Executive Secretary	<u>Article 17</u>: Attributions du Secrétaire Exécutif
<u>Icyiciro cya 2</u> : Imikorere y'inzego za Komisiyo n'imiterere y'inzego z'imirimo	<u>Section 2</u> : Functioning of the organs of the Commission and its organizational structure	<u>Section 2</u> : Fonctionnement des organes de la Commission et son cadre organique
<u>Ingingo ya 18</u>: Imikorere y'inzego za Komisiyo n'imiterere y'inzego z'imirimo	<u>Article 18</u>: Functioning of the organs of the commission and its organizational structure	<u>Article 18</u>: Fonctionnement des organes de la Commission et son cadre organique
<u>Ingingo ya 19</u>: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo n'iby bagenerwa	<u>Article 19</u>: Statute governing the personnel of the Commission and benefits	<u>Article 19</u> : Statut du personnel de la Commission et appointements
<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO	<u>CHAPTER IV</u>: RELATIONSHIP WITH OTHER INSTITUTIONS	<u>CHAPITRE IV</u>: RELATIONS AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS
<u>Ingingo ya 20</u>: Imikoranire n'izindi nzego	<u>Article 20</u>: Relationship with other institutions	<u>Article 20</u>: Relations avec d'autres institutions
<u>UMUTWE WA V</u>: UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER V</u>: PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE V</u> : PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 21</u>: Umutungo n'aho ukomoka	<u>Article 21</u>: Property and its sources	<u>Article 21</u> : Patrimoine et ses sources
<u>Ingingo ya 22</u>: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya Komisiyo	<u>Article 22</u>: Approval and management of the budget of the Commission	<u>Article 22</u>: Adoption et gestion du budget de la Commission
<u>Ingingo ya 23</u>: Imikoreshereze, imicungire n'igenzura by'umutungo	<u>Article 23</u>: Use, management and audit of the property	<u>Article 23</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this law

Article 25: Repealing provision

Article 26: Commencement

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Article 24 : Initiation, examen et adoption de la présente Loi

Article 25 : Disposition abrogatoire

Article 26 : Entrée en vigueur

ITEGEKO N°22/2011 RYO KUWA 28/06/2011 RISHYIRAHO KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE ABANA KANDI RIKAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO

LAW N°22/2011 OF 28/06/2011 ESTABLISHING THE NATIONAL COMMISSION FOR CHILDREN AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°22/2011 DU 28/06/2011 PORTANT CREATION DE LA COMMISSION NATIONALE POUR LES ENFANTS ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 05 Gicurasi 2011;

The Chamber of Deputies, in its session of May 05, 2011;

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 mai 2011 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 04 Mata 2011;

The Senate, in its session of 04 April 2011;

Le Sénat, en sa séance du 04 avril 2011;

Isingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 27, iya 28, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 176 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of June 04, 2003 as amended to date, especially in Articles 27, 28, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 27, 28, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 176 et 201;

Ishingiyeye ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana yo kuwa 20 Ugushyirwa 1989 nk'uko yemejwe n' Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo kuwa 19 Nzeri 1990;

Ishingiyeye ku masezerano mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yemerejwe i La Haye ku wa 29/05/1993 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida no 24/01 ryo kuwa 07/05/2010;

Ishingiyeye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo kuwa 11 Nyakanga 1990, nk'uko yemejwe n' Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo kuwa 30 Gicurasi 2001;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 27/2001 ryo kuwa 28/04/2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa.

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: **INGINGO RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho rya Komisiyo

Iri tegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abana yitwa Komisiyo mu ngingo zikurikira. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

Pursuant to the Convention on the Rights of the Child of November 20, 1989, as ratified by the Presidential Order n° 773/16 of September 19, 1990;

Pursuant to the Convention on the protection of Children and cooperation in respect of intercountry adoption, adopted at The Hague on May 29, 1993 as ratified by the Presidential Order n° 24/01 of 07/05/2010;

Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child of July 11, 1990, as ratified by the Presidential Order n° 11/01 of May 30, 2001;

Pursuant to Law n° 27/2001 of 28/04/2001 relating to rights and protection of the child against violence.

ADOPTS:

CHAPTER ONE: **GENERAL PROVISIONS**

Article One: Establishment of the Commission

This Law establishes the National Commission for Children, hereafter referred as the "Commission". It also determines its mission, organization and functioning.

Vu la Convention relative aux Droits de l'Enfant du 20 novembre 1989, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19 septembre 1990;

Vu la Convention sur la protection des droits des enfants et la coopération en matière d'adoption internationale, adoptée à La Haye le 29 mai 1993, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 07/05/2010 ;

Vu la Charte Africaine des Droits et du Bien - Etre de l'Enfant du 11 juillet 1990, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 30 mai 2001 ;

Vu la Loi n° 27/2001 du 28/04/2001 relative aux droits et à la protection de l'enfant contre les violences.

ADOPTE :

CHAPITRE PREMIER : **DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier: Création de la Commission

La présente loi porte création de la Commission Nationale pour les Enfants, dénommée ci-après « Commission ». Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya Komisiyo

Icyicaro cya Komisiyo kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Komisiyo ishobora gushyiraho amashami, ahandi hose mu gihugu igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 3: Ubwigenge n'ubwisanzure bwa Komisiyo

Komisiyo ifite ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'imari ndetse no mu micungire y'abakozi

Ingingo ya 4 : Urwego rureberera Komisiyo

Komisiyo irebererwa na Minisitiri ifite abana mu nshingano zayo.

Hagati y'iyi Minisitiri n'Inama y'Abakomiseri hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhanda ku kugeza Komisiyo ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe kingana na manda y'abagize Inama y'Abakomiseri, ashyirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Abakomiseri na Minisitiri ufite abana mu nshingano ze.

Article 2: Head Office of the Commission

The Head Office of the Commission is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It can be transferred elsewhere on the Rwandan Territory if considered necessary.

The Commission may establish branches in any place in the country if considered necessary and upon approval by a Prime Minister's Order.

Article 3: Autonomy of the Commission

The Commission shall enjoy autonomy in the administrative, financial and human resource management.

Article 4: Supervising Authority of the Commission

The Commission shall be supervised by the Ministry in charge of children.

There shall be signed between the Ministry and the Board of Commissioners, a performance contract indicating competence, rights and obligations of each party for the Commission to achieve its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of the members of the Board of Commissioners and shall be signed by the Chairperson of the Board of Commissioners and the Minister in charge of children.

Article 2: Siège de la Commission

Le siège de la Commission est établi dans la Ville de Kigali, la Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu sur le territoire du Rwanda.

La Commission peut en cas de nécessité, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur approbation par Arrêté du Premier Ministre.

Article 3: Autonomie de la Commission

La Commission est dotée de l'autonomie dans la gestion administrative, financière et dans la gestion des ressources humaines.

Article 4: Autorité de tutelle de la Commission

La Commission est placée sous tutelle du Ministère ayant les enfants dans ses attributions.

Il est signé entre ce Ministère et le Conseil des Commissaires, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les devoirs de chaque partie pour permettre à la Commission de réaliser sa mission.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil des Commissaires, et est conjointement signé par le Président du Conseil des Commissaires et le Ministre ayant les enfants dans ses attributions.

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Mu byo amasezerano avugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko agomba guteganya mu buryo bwumvikana harimo:

- 1° inshingano z'Inama y'Abakomiseri, iz'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa n'iz'inze zose z'imirimo ya Komisiyo;
- 2° ibigomba kugerwaho na Komisiyo;
- 3° aho umutungo wa Komisiyo ukomoka, ingano yawo n'uburyo buhoraho bwo kuwugenzura.

Ingingo ya 6 : Inshingano za Minisitiri ufite abana mu nshingano ze

Ku birebana na Komisiyo, Minisitiri ufite abana mu nshingano ze, akora ibi bikurikira:

- 1° gushyikiriza Guverinoma umushinga wa politiki yo kurengera umwana;
- 2° gushyikiriza Guverinoma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo;
- 3° guhagararira Leta mu ishyirwaho ry'umukono ku masezerano mpuzamahanga arebana no kurengera umwana;
- 4° gusuzuma ibikorwa n'imikorere bya Komisiyo;

Article 5: Contents of the performance contract

The contract mentioned in article 4 of this law shall clearly indicate the following:

- 1° the responsibilities of the Board of Commissioners, the Executive Secretariat and of all other organs of the Commission;
- 2° Commission's expected results;
- 3° the source of the property of the Commission, its value and the permanent audit procedures.

Article 6: Responsibilities of the Minister in charge of children

In matters relating to the Commission, the Minister in charge of children is responsible for the following:

- 1° submitting to the Government the draft national policy on child protection;
- 2° submitting to the Government the draft budget proposal of the Commission;
- 3° representing the State in signing international protocols relating to the child protection;
- 4° evaluating the activities and the performance of the Commission;

Article 5: Contenu du contrat de performance

Le contrat de performance visé à l'article 4 de la présente loi doit préciser les points suivants :

- 1° les attributions du Conseil des Commissaires; du Secrétariat Exécutif et de tous les services de la Commission;
- 2° les résultats attendus de la Commission;
- 3° la provenance du patrimoine de la Commission, sa valeur et les modalités de son audit permanent.

Article 6: Attributions du Ministre ayant les enfants dans ses attributions

En ce qui concerne la Commission, les attributions du Ministre ayant les enfants dans ses attributions sont les suivantes :

- 1° soumettre au Gouvernement le projet de politique nationale pour la protection de l'enfant;
- 2° soumettre au Gouvernement l'avant-projet du budget de la Commission;
- 3° représenter l'Etat lors de la signature des accords internationaux relatifs à la protection de l'enfant;
- 4° évaluer les activités et les performances de la Commission;

- 5° guhagararira Komisiyo imbere y’Inama y’Abaminisitiri, mu Nteko Ishinga Amategeko no mu zindi nzego nkuru z’ubuyobozi bw’i Gihugu;
- 6° gufasha Komisiyo gushaka amikoro;
- 7° gukora ibindi byose byerekeye gukurikirana ibikorwa bya Komisiyo mu rwego rw’ubuyobozi na teknikiki.

- 5° representing the Commission before the Cabinet, the Parliament as well as other higher State organs;
- 6° assisting the Commission in resource mobilization;
- 7° performing any other assignments in relation to monitoring of administrative and technical operations of the Commission.

- 5° représenter la Commission devant le Conseil des Ministres, le Parlement et les autres hautes instances de l’Etat;
- 6° assister la Commission dans la mobilisation des ressources ;
- 7° faire toute autre tâche relative au suivi des activités administratives et techniques de la Commission.

UMUTWE WA II : INSHINGANO N’INZEGO ZA KOMISIYO

Icyiciro cya mbere : Inshingano za Komisiyo

Ingingo ya 7: Inshingano za Komisiyo

Inshingano za Komisiyo ni izi zikurikira:

- 1° guteza imbere no gukurikirana uburere bw’umwana ubereye igihugu kandi ugikunda;
- 2° gushyiraho uburyo bw’ubufatanye n’ihuzabikorwa ku rwego rw’igihugu hagamijwe kwimakaza uburenganzira bw’umwana;
- 3° kurangiza inshingano z’Urwego rw’Igihugu rushinzwe gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga y’i La Haye yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye;
- 4° kugira uruhare mu itegurwa rya politiki yo kurengera umwana no gukurikirana ko umwana

CHAPITRE II : MISSION AND ORGANS OF THE COMMISSION

Section one: Mission of the Commission

Article 7: Mission of the Commission

The Commission shall have the following mission:

- 1° to promote and ensure child education that enables the child to be a worthy and patriotic citizen;
- 2° to develop a national partnership and coordination framework aimed at promoting a child’s rights;
- 3° to serve as a Central Authority in charge of implementing the Hague Convention on the protection of Children and cooperation in respect of intercountry adoption;
- 4° to participate in the development of child protection policy and follow up to ensure

CHAPTER II : MISSION ET ORGANES DE LA COMMISSION

Section première : Mission de la Commission

Article 7: Mission de la Commission

La Commission a pour mission:

- 1° promouvoir et assurer le suivi de l’éducation permettant à l’enfant d’être un citoyen digne et patriotique;
- 2° développer un cadre national de partenariat et de coordination visant la promotion des droits de l’enfant;
- 3° assurer le rôle d’Autorité Centrale chargée de la mise en œuvre de la Convention de La Haye sur la protection les droits des enfants et la coopération en matière d’adoption internationale ;
- 4° participer à l’élaboration de la politique nationale de protection de l’enfant et faire le

yitabwaho mu zindi politiki z'igihugu, mu igenamigambi no mu itegurwa ry'ingengo y'imari mu nzego zose;	"child" dimension is mainstreamed in national policies, planning and budgeting at all levels;	suivi de l'intégration de la dimension « enfant » dans les politiques nationales, la planification et la budgétisation à tous les niveaux;
5° gushyiraho uburyo rusange bwo gukurikirana no kugenzura ibikorwa byose bikorerwa umwana cyane cyane abana bakeneye kurindwa byihariye hashingiwe ku ikusanyamibare na raporo z'abafatanyabikorwa ku nzego zose;	5° to establish a common monitoring and evaluation framework for all interventions in favor of the child especially children with special protection needs, based on a data collection and reporting system by all stakeholders at all levels;	5° établir un cadre commun de suivi et d'évaluation pour toutes les actions en faveur de l'enfant, particulièrement les enfants ayant les besoins de protection particulière, sur base d'un système de collecte de données et de reportage par tous les intervenants à tous les niveaux;
6° gushyira umwana ufashwe nabi mu muryango cyangwa ahandi yarererwa akabona uburere bwiza;	6° to integrate an ill-treated child in a family or any place where he/she can receive good education;	6° intégrer un enfant mal traité dans une famille ou un autre lieu où il peut bénéficier d'une bonne éducation;
7° gukusanya, gusesengura, gusakaza amakuru ajyanye no guteza imbere ibikorwa ntangarugero n'ubushakashatsi mu rwego rw'uburenganzira bw'umwana;	7° to collect, analyze, disseminate information relating to promotion of best practices and research in the field of the child's rights;	7° collecter, analyser, diffuser les informations visant la promotion de bonnes pratiques et la recherche dans le domaine des droits de l'enfant;
8° kugaragaza icyuho no gutanga ibitekerezo ku bikeneye guhinduka mu rwego rw'amategeko mu byerekeye kurengera no guteza imbere umwana;	8° to identify gaps in different laws and propose amendments thereto with the view to ensure protection and promotion of the child;	8° identifier les lacunes dans les différentes lois et proposer des modifications à faire en vue d'assurer la protection et la promotion de l'enfant;
9° gukusanya no gusesengura ibitekerezo n'ibyifuzo byatanzwe n'abana ku nzego zose no gukurikirana ko byitabwaho mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa bya za politiki na gahunda zireba umwana;	9° to collect and analyze children's views and suggestions made at all levels and ensure that they are mainstreamed in the development and implementation of policies and programs in favor of the child;	9° recueillir et analyser les opinions et suggestions formulées par les enfants à tous les niveaux et s'assurer qu'elles sont prises en considération dans l'élaboration et la mise en œuvre des politiques et programmes en faveur de l'enfant ;
10° gutegura no gutanga ibitekerezo kuri raporo zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yerekeye abana yemejwe burundu	10° to prepare and provide suggestions to the reports on the implementation of international instruments related to children ratified by	10° élaborer et donner des suggestions sur les rapports sur la mise en œuvre des

n'u Rwanda;

- 11° gushyiraho uburyo bwose bwakwifashishwa mu bukangurambaga bugamije kwita ku mibereho myiza n'uburenganzira by'umwana;
- 12° gushaka umutungo no gukurikirana imikoreshereze yawo;
- 13° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zihuje inshingano zo mu karere cyangwa mpuzamahanga;
- 14° gukora ibindi bikorwa bya ngombwa n'ibindi yasabwa kugira ngo igere ku nshingano zayo.

Icyiciro cya kabiri : Inzego za Komisiyo

Ingingo ya 8 : Inzego za Komisiyo

Komisiyo igizwe n'inzego zikurikira :

- 1° Inama y'Abakomiseri;
- 2° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;
- 3° Inama Ngishwanama.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo Komisiyo ishobore kurangiza neza inshingano zayo.

Rwanda;

- 11° to develop any tools that can be used for social mobilization campaign on the welfare and rights of the child;
- 12° to mobilize resources and monitor their utilization;
- 13° collaborate with other regional or international bodies with similar mission;
- 14° to perform any other necessary activities and any other assignments in order to achieve its mission.

Section 2: Organs of the Commission

Article 8: Organs of the Commission

The Commission shall comprise of the following organs:

- 1° The Board of Commissioners;
- 2° the Executive Secretariat;
- 3° the Advisory Council.

A Prime Minister's Order may determine other relevant organs for the Commission to fulfill its mission.

instruments internationaux concernant les enfants ratifiés par le Rwanda;

- 11° développer tous les outils de mobilisation sociale sur le bien-être et les droits de l'enfant ;
- 12° mobiliser les ressources et faire le suivi de leur utilisation;
- 13° coopérer et collaborer avec les autres institutions régionales ou internationales ayant la même mission ;
- 14° mener d'autres activités et toute autre tâche lui confiée nécessaires à la réalisation de sa mission.

Section 2 : Organes de la Commission

Article 8 : Organes de la Commission

La Commission est dotée des organes suivants :

- 1° le Conseil des Commissaires;
- 2° le Secrétariat Exécutif;
- 3° le Conseil Consultatif.

Un Arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires pour permettre à la Commission de réaliser sa mission.

Akicro ka mbere : Inama y'Abakomiseri

Ingingo ya 9: Ishyirwaho n'ikurwaho ry'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri barimo Perezida na Visi Perezida ni rwo rwego rukuru rwa Komisiyo. Igizwe n'Abakomiseri barindwi (7) bazwiho ubumenyi, ubushishozi n'ubunyangamugayo, bafasha Komisiyo kugera ku nshingano zayo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Abakomiseri bagomba kuba ari abagore.

Abakomiseri bashyirwaho kandi bakavanwaho n'Iteka rya Perezida.

Kuba umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri ntibibuza undi murimo uhemberwa.

Ingingo ya 10 : Manda y'Abakomiseri n'iby bagenerwa

Manda y'Abakomiseri ni imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Abakomiseri bakora ku buryo budahoraho.

Ibyo Abakomiseri bagenerwa biteganywa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika.

Sub-section One: Board of Commissioners

Article 9: Appointment and removal of Commissioners from office

The Board of Commissioners of whom a Chairperson and a Vice-chairperson is the Supreme organ of the Commission. It shall comprise seven (7) Commissioners, characterized by skills, wisdom and integrity, who help the Commission to achieve its mission.

At least thirty per cent (30%) of the Members of the Board of Commissioners must be females.

Commissioners shall be appointed and removed from office by a Presidential Order.

Being a commissioner shall not be incompatible with other remunerated functions.

Article 10: Term of office for Commissioners and their benefits

The term of office of commissioners shall be four (4) years renewable only once.

Commissioners shall perform their duties on a temporary basis.

Benefits to Commissioners shall be determined by a Presidential Order.

Sous-section première : Conseil des Commissaires

Article 9: Nomination et révocation des Commissaires

Le Conseil des Commissaires dont un Président et un Vice-président est l'organe suprême de la Commission. Il est composé de sept (7) Commissaires, réputés avoir les capacités intellectuelles, la sagesse et l'intégrité qui permettent à la Commission de réaliser sa mission.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil des Commissaires doivent être de sexe féminin.

Les Commissaires sont nommés et démis de leurs fonctions par un Arrêté Présidentiel.

La fonction de Commissaire n'est pas incompatible avec l'exercice d'autres fonctions rémunérées.

Article 10 : Mandat des Commissaires et leurs avantages

Les Commissaires ont un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.

Les Commissaires s'acquittent de leur mission de manière non permanente.

Les avantages accordés aux Commissaires sont déterminés par Arrêté Présidentiel.

Ingingo ya 11 : Impamvu zituma uri mu Nama y'Abakomiseri ayivamo

Imirimo y'Umukomiseri irangira iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 5° asibye inama inshuro eshatu zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° abangamiye inyungu za Komisiyo;
- 7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 8° bigaragaye ko atacyujye ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y'Abakomiseri;
- 9° yireze akemera icyaha cya jenocide;
- 10° agaragaweho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide;
- 11° iyo yahamwe n'icyaha cyo guhohotera abana;
- 12° apfuye.

Article 11: Reasons for a member of the Board of Commissioners to leave office

The duties of a Commissioner shall cease if:

- 1° his/her term of office expires;
- 2° he / she resigns in writing;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a recognized medical doctor;
- 4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension;
- 5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year without justified reasons;
- 6° he/she jeopardizes the interests of the Commission;
- 7° he/she demonstrates behaviors contrary to his / her responsibilities;
- 8° it is clear that he/ she no longer fulfils the requirements considered at the time of appointment in the Board of Commissioners;
- 9° he/she confesses and pleads guilty of the crime of genocide;
- 10° he /she is characterized by genocide ideology;
- 11° he/she has been convicted of the crime of violence against children;
- 12° he/she dies.

Article 11: Raisons de cessation des fonctions de membre du Conseil des Commissaires

Les fonctions du Commissaire cessent dans les cas suivants :

- 1° expiration du mandat;
- 2° démission par notification écrite;
- 3° impossibilité de vaquer à ses fonctions suite à une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;
- 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
- 5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;
- 6° agissement contre les intérêts de la Commission;
- 7° comportement incompatible avec ses fonctions ;
- 8° constat qu'il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé membre du Conseil des Commissaires;
- 9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ;
- 10° constat qu'il est caractérisé par l'idéologie du génocide ;
- 11° s'il a été reconnu coupable du crime de violence contre les enfants ;
- 12° décès.

Ingingo ya 12 : Isimburwa ry’Umukomiseri

Umukomiseri utakiri mu mirimo ye ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 11 y’iri tegeko asimburwa hakurikijwe uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3).

Iyo Umukomiseri avanywe ku mirimo atarangije manda ye, asimburwa mu mwanya we n’undi Mukomiseri akarangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirengeje amezi atandatu (6).

Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 13: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Komisiyo ifite Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buyoborwa n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.

Akiciro ka 3 : Inama Ngishwanama

Ingingo ya 14 : Inama Ngishwanama

Inama Ngishwanama ni urwego rw’Igihugu rushinzwe gutanga inama ku murongo ngenderwaho wa Komisiyo.

Iteka rya Perezida rigena abagize Inama Ngishwanama.

Article 12: Replacement of a Commissioner

A Commissioner who is no longer in office due to reasons mentioned in article 11 of this law shall be replaced in accordance with the procedures through which he/she was appointed in a period not exceeding three (3) months.

If a Commissioner is removed from office before completion of his/her term of office, he/she shall be replaced by another Commissioner to complete the remaining term of office if it exceeds six (6) months.

Sub-section 2: Executive Secretariat

Article 13: Executive Secretariat

The Commission has an Executive Secretariat. It is headed by the Executive Secretary appointed by a Prime Minister’s Order.

Sub-section 3: Advisory Council

Article 14: Advisory Council

The Advisory Council is a national organ in charge of advising on the guidelines of the Commission.

A Presidential Order shall determine the composition of the Advisory Council.

Article 12: Remplacement d’un Commissaire

Un Commissaire qui cesse ses fonctions suite aux motifs visés à l’article 11 de la présente loi, est remplacé selon la procédure de sa nomination et ce, dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois.

Lorsqu’un Commissaire est démis de ses fonctions avant la fin de son mandat, il est remplacé par un nouveau Commissaire qui termine le mandat restant à courir si celui-ci dépasse six (6) mois.

Sous-section 2 : Secrétariat Exécutif

Article 13: Secrétariat Exécutif

La Commission est dotée d’un Secrétariat Exécutif dirigé par un Secrétaire Exécutif nommé par Arrêté du Premier Ministre.

Sous-section 3 : Conseil Consultatif

Article 14 : Conseil Consultatif

Le Conseil Consultatif est l’organe national chargé de conseiller sur les lignes directrices de la Commission.

Un Arrêté Présidentiel détermine la composition du Conseil Consultatif.

UMUTWE WA III: INSHINGANO N'IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO N'IMITERERE Y'INZEGO Z'IMIRIMO

Icyiciro cya mbere : Inshingano z'inzego za Komisiyo

Ingingo ya 15: Inshingano z' Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ishinze ibi bikurikira:

- 1° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano za Komisiyo;
- 2° kwemeza umushinga w'amategeko nengamikorere ya Komisiyo;
- 3° kwemeza igenamigambi, gahunda y'ibikorwa na raporo ya buri mwaka bya Komisiyo;
- 4° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Komisiyo ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;
- 5° kwemeza inkunga, impano n'indagano;
- 6° kugenzura imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa;
- 7° gukurikirana imicungire y'umutungo wa Komisiyo;

CHAPTER III: RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF THE COMMISSION'S ORGANS AND ITS ORGANIZATIONAL STRUCTURE

Section One: Responsibilities of the Commission's organs

Article 15: Responsibilities of the Board of Commissioners

The Board of Commissioners is responsible for the following:

- 1° ensuring the implementation of the mission of the Commission;
- 2° approving the draft internal rules and regulations of the Commission;
- 3° approving the planning, the action plan and annual report of the Commission;
- 4° approving the annual draft budget proposal of the Commission before submitting it to competent organs;
- 5° approving subsidies, donations and bequests;
- 6° supervising the functioning of the Executive Secretariat;
- 7° monitoring the management of the Commission's resources;

CHAPITRE III: ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE LA COMMISSION ET SON CADRE ORGANIQUE

Section première : Attributions des organes de la Commission

Article 15: Attributions du Conseil des Commissaires

Les attributions du Conseil des Commissaires sont les suivantes :

- 1° assurer le suivi de la mise en œuvre de la mission de la Commission;
- 2° approuver le projet de règlement d'ordre intérieur de la Commission;
- 3° approuver la planification, le plan d'action et le rapport annuel de la Commission;
- 4° approuver l'avant-projet de budget annuel de la Commission avant sa soumission aux organes compétents;
- 5° approuver les subventions, les dons et legs;
- 6° superviser le fonctionnement du Secrétariat Exécutif;
- 7° faire le suivi de la gestion des ressources de la Commission ;

- 8° gushyikiriza buri mwaka Minisitiri ufite abana mu nshingano ze porogaramu na raporo z'ibikorwa bya Komisiyo, ikagera kopi Inteko Ishinga Amategeko;
- 9° gushyiraho Komite zidahoraho zishinzwe kwiga ibibazo byihariye.

- 8° submitting on an annual basis, the Commission's activity report and action plan to the Minister in charge of children, with a copy to the Parliament;
- 9° putting in place ad hoc committees in charge of reviewing specific issues.

- 8° soumettre chaque année le rapport d'activités et le plan d'action de la Commission au Ministre ayant les enfants dans ses attributions et réserver une copie au Parlement;
- 9° mettre sur pied des commissions ad hoc chargées d'examiner des questions spécifiques.

Ingingo ya 16: Ibitabanganywa no kuba mu bagize Inama y'Abakomiseri

Ntibemerewe ku bagize Inama y'Abakomiseri cyangwa ibigo bafitemo imigabane gukora umurimo uhemberwa muri Komisiyo cyangwa gupiganirwa amasoko muri Komisiyo.

Article 16: Incompatibilities with membership of the Board of Commissioners

The members of the Board of Commissioners or companies in which they have shares are not allowed to perform any remunerated work in the Commission or to compete in Commission's tenders.

Article 16: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil des Commissaires

Il est interdit aux membres du Conseil des Commissaires et aux sociétés dont ils sont actionnaires d'exercer toute activité rémunérée au sein de la Commission ou soumissionner aux marchés de la Commission.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° kuyobora imirimo ya buri muni ya Komisiyo no guhuza ibikorwa byayo;
- 2° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;
- 3° gucunga ingengo y'imari n'umutungo bya Komisiyo;
- 4° guhagararira Komisiyo imbere y'amategeko;
- 5° gushyikiriza Inama y'Abakomiseri imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya

Article 17: Responsibilities of the Executive Secretary

The Executive Secretary shall mainly have the following responsibilities:

- 1° to manage and coordinate the daily activities of the Commission;
- 2° to implement the decisions of the Board of Commissioners;
- 3° to manage the budget and the property of the Commission;
- 4° to legally represent the Commission;
- 5° to submit the Commission's budget proposal

Article 17: Attributions du Secrétaire Exécutif

Le Secrétaire exécutif est principalement chargé de:

- 1° assurer la gestion et la coordination des activités quotidiennes de la Commission;
- 2° mettre en œuvre les décisions prises par le Conseil des Commissaires;
- 3° gérer le budget et le patrimoine de la Commission;
- 4° représenter légalement la Commission;
- 5° soumettre au Conseil des Commissaires l'avant-projet de budget de la Commission;

- | | | |
|--|---|---|
| <p>Komisiyo;</p> <p>6° gushyikiriza Inama y’Abakomiseri umushinga w’igenamigambi n’iteganyabikorwa bya Komisiyo;</p> | <p>to the Board of Commissioners;</p> <p>6° to submit the Commission’s action plan and strategic plan proposals to the Board of Commissioners ;</p> | <p>6° soumettre au Conseil des Commissaires le projet de plan d’action et de plan stratégique de la Commission;</p> |
| <p>7° gushyikiriza Inama y’Abakomiseri raporo y’ibikorwa ya buri mwaka ku mikorere n’imikoreshereze y’ingengo y’imari ya Komisiyo;</p> | <p>7° to submit to the Board of Commissioners the Commission’s annual activity and financial report;</p> | <p>7° soumettre au Conseil des Commissaires le rapport annuel d’activités et financier de la Commission;</p> |
| <p>8° gukurikirana iby’imikoranire n’ibigo cyangwa izindi nzego byo mu gihugu no mu mahanga bifite inshingano nk’iza Komisiyo;</p> | <p>8° to follow up the relationship with other national and international bodies with similar mission as the Commission;</p> | <p>8° assurer le suivi des relations avec les institutions nationales et internationales ayant la même mission que la Commission;</p> |
| <p>9° gutegura no gukurikirana gahunda z’amahugurwa y’abakozi no kubakorera isuzumamikorere;</p> | <p>9° to develop and follow up staff training plan and to make staff performance evaluation;</p> | <p>9° élaborer le plan de formation du personnel, en faire le suivi et assurer l’évaluation des performances du personnel;</p> |
| <p>10° kuba umwanditsi w’Inama y’Abakomiseri;</p> | <p>10° to serve as rapporteur in the meetings of the Board of Commissioners;</p> | <p>10° être rapporteur des réunions du Conseil des Commissaires;</p> |
| <p>11° gukora indi mirimo iri mu nshingano ze yahabwa n’Inama y’Abakomiseri;</p> | <p>11° to perform any other duty under his/her responsibilities, as may be assigned to him/her by the Board of Commissioners.</p> | <p>11° exécuter toute autre tâche rentrant dans ses attributions, pouvant lui être confiée par le Conseil des Commissaires.</p> |

Icyiciro cya 2 : Imikorere y’inzego za Komisiyo n’imiterere y’inzego z’imirimo

Ingingo ya 18: Imikorere y’inzego za Komisiyo n’imiterere y’inzego z’imirimo

Imikorere y’inzego za Komisiyo n’imiterere y’inzego z’imirimo igenwa n’Iteka rya Minisitiri w’Intebe.

Section 2 : Functioning of the organs of the Commission and its organizational structure

Article 18: Functioning of the organs of the commission and its organizational structure

The functioning of organs of the Commission and its organizational structure shall be determined by a

Section 2 : Fonctionnement des organes de la Commission et son cadre organique

Article 18: Fonctionnement des organes de la Commission et son cadre organique

Le fonctionnement des organes de la Commission et son cadre organique sont déterminés par Arrêté du

Ingingo ya 19: Sitati igenga abakozi ba Komisiyo n'ibyo bagenerwa

Abakozi ba Komisiyo bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzege z'imirimo ya Leta.

Ibigenyerwa abakozi ba Komisiyo bigenwa hakurikijwe amategeko agenga ibyo abakozi ba Leta bagenerwa.

UMUTWE WA IV: IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

Ingingo ya 20: Imikoranye n'izindi nzego

Komisiyo ikorana n'izindi nzego za Leta n'abandi bafatanyabikorwa, hagamijwe guteza imbere uburenganzira bw'umwana.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 21: Umutungo n'aho ukomoka

Umutungo wa Komisiyo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
- 2° inkunga za Leta, iz'abaterankunga n'iz'abafatanyabikorwa;
- 3° inyungu ku mutungo wayo;
- 4° impano n'indagano;
- 5° ibindi bituruka ku mirimo ikora.

Prime Minister's Order.

Article 19: Statute governing the personnel of the Commission and benefits

The personnel of the Commission is governed by the General statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to the Commission's staff shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits allocated to public servants.

CHAPTER IV: RELATIONSHIP WITH OTHER INSTITUTIONS

Article 20: Relationship with other institutions

The Commission shall collaborate with other public institutions and stakeholders with the aim of promoting the child's rights

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 21: Property and its sources

The property of the Commission is comprised of movables and immovables.

It shall come from the following sources:

- 1° the national budget allocations;
- 2° subsidies from Government, donors and partners;
- 3° proceeds from its property;
- 4° donations and bequests;

Premier Ministre.

Article 19 : Statut du personnel de la Commission et appointements

Le personnel de la Commission est régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Les appointements accordés au personnel de la Commission sont fixés conformément aux dispositions légales régissant les appointements alloués aux agents de l'Etat.

CHAPITRE IV: RELATIONS AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS

Article 20: Relations avec d'autres institutions

La Commission collabore avec les autres institutions publiques et d'autres intervenants en vue de promouvoir les droits de l'enfant.

CHAPITRE V : PATRIMOINE ET FINANCES

Article 21 : Patrimoine et ses sources

Le patrimoine de la Commission comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes :

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les subventions de l'Etat, des bailleurs de fonds et des partenaires;
- 3° le produit de son patrimoine;
- 4° les dons et legs ;

Ingingo ya 22: Iyemeza n’imicungire by’ingengo y’imari ya Komisiyo

Ingengo y’imari ya Komisiyo yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 23: Imikoshereze, imicungire n’igenzura by’umutungo

Umutungo wa Komisiyo ukoreshwa gusa mu kuzuza inshingano zayo.

Imicungire, imikoshereze n’imigenzurire by’umutungo wa Komisiyo bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry’imikoshereze y’umutungo wa Komisiyo buha raporo Inama y’Abakomiseri.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 26: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

5° Any other income from the services offered by the Commission.

Article 22: Approval and management of the budget of the Commission

The budget of the Commission is approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 23: Use, management and audit of the property

The Commission’s property shall only be used for achieving its mission.

The management, use and audit of the Commission’s property shall be conducted in accordance with relevant legal provisions.

The internal audit department of the Commission shall submit the report to the Board of Commissioners.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 24: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 25: Repealing provision

All previous legal provisions inconsistent with this law are hereby repealed.

5° tout autre revenu des services prestés par la Commission.

Article 22: Adoption et gestion du budget de la Commission

Le budget de la Commission est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 23: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

Le patrimoine de la Commission est utilisé uniquement pour la réalisation de sa mission.

La gestion, l’utilisation et l’audit du patrimoine de la Commission sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d’audit interne de la Commission soumet son rapport au Conseil des Commissaires.

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Article 24 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 25 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 26 : Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 28/06/2011

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika

(sé)

MAKUZA Bernard

Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 26: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 28/06/2011

(sé)

KAGAME Paul

President of the Republic

(sé)

MAKUZA Bernard

Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/Attorney General

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 28/06/2011

(sé)

KAGAME Paul

Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard

Premier Ministre

Vu et scellé du sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

